

RWANDA / JUDGMENT

UBUSHINJACYAHA vs RUTIKANGA

RPAA 00548/2023/CA

COURT

Court of Appeal

DECIDED

29 April 2025

CASE / FILE NUMBER

RPAA 00548/2023/CA

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

UBUSHINJACYAHA vs RUTIKANGA

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2025-04-29
- Case/document no.: RPAA 00548/2023/CA
- Collection: Court of Appeal

Text

Page 1

UBUSHINJACYAHA vs RUTIKANGA [Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RPAA 00548/2023/CA (Rukundakuvuga, P.J.) 29 Mata 2025] Amategeko agenga ibimenyetso –ibimenyetso mu manza nshinjabyaha – ubuhamya – ubuhamya bushingiye ku mabwire – Ubuhamya bushingiye ku mabwire buremewe iyo bushyigikiwe n'ibindi bimenyetso. Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rwatangiye Ubushinjacyaha burega Rutikanga mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rubavu, bumukurikiranyeho icyaha cyo gusambanya umwana witwa N.V ufite imyaka cumi n'umwe. Rutikanga yaburanye ahakana icyaha ashinjwa. Urukiko mu rubanza RP00435/2020/TGI/RBV, rushingiye ku Imvugo z'umwana wasambanyijwe, raporo yakozwe n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze no kuri aporo ya muganga igaragaza ko N.V yasambanyijwe, rwemeje ko ahamwa n'icyaha cyo gusambanya umwana uri muni y'imyaka 14 y'amavuko, rumuhanisha igifungo cya burundu. Rutikanga ntiyanyuzwe n'imikiriye y'urwo rubanza arujuririra mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Musanze, avuga ko yahimbiwe icyaha na nyina w'umwana. Avuga kandi ko imvugo z'abatangabuhamya atari izo kwizerwa. Urukiko mu rubanza RPA01054/2021/HC/MUS rwamuhamije icyaha rushingiye ku mvugo z'abatangabuhamya na raporo ya muganga igaragaza ko hari ibimenyetso bihamya ko umwana ashobora kuba yarasambanyijwe, ariko

rumugabanyiriza igihano kuko ari ubwa mbere akurikiranweho icyaha mu buryo buzwi, ahanishwa igifungo cy'imyaka 20. Rutikanga nabwo ntiyanyuzwe n'icyemezo cy'Urukiko, yongera kujuririra Urukiko rw'Ubujurire ashimangira ko yahamijwe icyaha atakoze. Anenga Urukiko gushingira kuri raporo ya muganga wemeje ko akarangabusugi k'umwana kangiritse kandi ko mu gitsina cye hatukuye nyamara ngo akaba ataragaragaje isano iri hagati y'ibyo bimenyetso byagaragaye mu gitsina cy'umwana na Rutikanga, kuko ngo gutukura bishobora guturuka ku mpamvu nyinshi zitandukanye zirimo n'uburwayi naho akarangabusugi ko gashobora no kuba karangijwe n'undi utari we. Ubushinjacyaha buvuga ko impamvu z'ubujurire za Rutikanga nta shingiro zifite kuko ibyo avuga atari ko byagenze bikaba atari ukuri, bityo asaba ko urubanza rujuririrwa rutahinduka. Urukiko mu rubanza RPAA00548/2023/CA, rwemeje ko ubujurire bwa Rutikanga nta shingiro bufite kuko atabasha kuvuguruza ibimenyetso byashingiweho mu n'Urukiko rumuhamya icyaha mu rubanza rujuririrwa. Incamake y'icyemezo:1. Ubuhamya bushingiye ku mabwire buremewe iyo bushyigikiwe n'ibindi bimenyetso. Bityo, umutangabuhamya avuga ibyo yiboneye cyangwa ibyo yumvise mu buryo butaziguye, ariko urukiko akaba ari rwo rwonyine rusuzuma mu bushishozi bwarwo icyizere cyangwa ireme bukwiye guhabwa.

2. raporo ya muganga ishingirwaho iyo ntakiyivuguruza ku buryo budashidikanywaho. Bityo. Uhinyura raporo ya muganga utagaragaza ku buryo budashidikanywaho ko ibimenyetso muganga yabonye ku gitsina cy'umwana hari indwara asanganywe yaba yarabimuteye, uko guhinyura kuba nta shingiro gufite. Ubujurire nta shingiro bufite. Nta mategeko yashingiweho:

Page 2

Imanza zifashishijwe: Urubanza RPAA 00307/2022/CA, haburana Ubushinjacyaha na Nyandwi Emmanuel alias Kaguru rwaciye ku wa 27/12/2024 (igika cya 19). Urubanza. I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] Mu ijoro ryo kuwa 10/05/2020 rishyira kuwa 11/05/2020, mu mudugudu wa Kamina, mu Kagari ka Cyahafi, umurenge wa Bwira, Akarere ka Ngororero, umugabo witwa Ndorimana Vénant yatahanye na bagenzi be babiri barimo uwitwa Rutikanga Jean Baptiste bose banyweye inzoga. Bageze muri urwo rugo Ndorimana Vénant yatonganye n'umugore we Nyirambanjimpundu Claudine, bituma uwo mugore abyuka ajya kurara mu baturanyi, abo bagabo basigara muri urwo rugo banywa inzoga. Bivugwa ko bigeze mu gicuku ahagana mu masa munani z'ijoro, umwana wo muri urwo rugo witwa N.V ufite imyaka cumi n'umwe (11) y'amavuko yagiye kuri WC, Rutikanga Jean Baptiste aramukurikira amusambanyiriza inyuma y'igikoni, amufashe umunwa ngo adatabaza. Uwo mwana yahise abibwira se umubyara atangira gutongana na Rutikanga Jean Baptiste ndetse mu gitondo nyina atahutse nawe arabimubwira maze uyu ahita abimenyesha ubuyobozi, Rutikanga Jean Baptiste atangira gukurikiranwa. [2] Nyuma y'iperereza, Ubushinjacyaha bwamuregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Rubavu, bumukurikiranyeho icyaha cyo gusambanya umwana. Rutikanga Jean Baptiste yaburanye ahakana icyaha ashinjwa. [3] Mu rubanza RP00435/2020/TGI/RBV rwaciye n'Urukiko Rwisumbuye rwa Rubavu ku wa 26/11/2021, rwemeje ko ahamwe n'icyaha cyo gusambanya umwana uri muni y'imyaka 14 y'amavuko, rumuhanisha igifungo cya burundu rushingiye ku bimenyetso bikurikira : Imvugo z'umwana

wasambanyijwe n'iz'abatangabuhamy batandukanye bamushinja ; Raporo yakozwe n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze ihamya ko yasambanyije umwana ; Raporo ya muganga igaragaza ko N.V yasambanyijwe. [4] Rutikanga Jean Baptiste ntiyanyuzwe n'imikirize y'urubanza ajuririra Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Musanze, avuga ko yahimbiwe icyaha na nyina w'umwana utarishimiye ko bamwunga n'umugabo we bari bafitanye ibibazo kandi ko atanashimishwaga n'uburyo amafaranga umugabo we yakoreraga bayanyweraga inzoga. Avuga ko bitari gushoboka ko asambanya umwana ntabaze nta nagire undi abibwira kandi muri icyo nzu hari abantu benshi, ahakana ko nta n'ibyo yabwiye se. Yanenze kandi imvugo z'abandi batangabuhamy avuga ko ari abagore b'inshuti za nyina w'umwana, ko bafatanyije gucira umugambi wo kumubeshyera. [5] Mu rubanza RPA01054/2021/HC/MUS rwaciye ku wa 30/11/2023, Urukiko Rukuru/Urugereko rwa Musanze narwo rwamuhamije icyaha, ariko rumugabanyiriza igihano kuko ari ubwa mbere akurikiranweho icyaha mu buryo buzwi, ahanishwa igifungo cy'imyaka 20. Mu kumuhamy icyaha Urukiko rwashingiye ku kuba : Imvugo za se na nyina w'umwana mu Bugenzacyaha zivuguruzwa, ibyo uregwa yiregura ko umwana atahise abibwira se akimara gusambanywa kandi ko se yabanje kumushinjura ; Imvugo z'abatangabuhamy bese zihuriza ku kuba umwana yarababwiye ko yasambanyijwe na Rutikanga Jean Baptiste, akabikorera inyuma y'igikoni cyabo ; kandi koko uwo mugabo yari yaraye muri urwo rugo n'abandi banywa inzoga basinze ;

Page 3

Rusanga izi mvugo z'abatangabuhamy zikwiye guhabwa ishingiro, kuko zishyigikiwe na raporo ya muganga igaragaza ko hari ibimenyetso bihamya ko umwana ashobora kuba yarasambanyijwe birimo kwangirika kw'igitsina (signs of genital tract trauma), kuba igitsina gitukuye (redness), kwangirika kw'akarangabusugi (swelling of the clitoris with hymen perforation which are in favor of the possibility of rape). [6] Rutikanga Jean Baptiste nabwo ntiyanyuzwe n'icyemezo cy'Urukiko, yongerera kujuririra Urukiko rw'Ubujurire urubanza rwe ruhabwa RPAA00548/2023/CA, iburanisha mu ruhamye rishyirwa ku wa 08/04/2025. Uwo munsu ugeze Rutikanga Jean Baptiste yitaba yunganiwe na Me Gabiro David, naho Ubushinjacyaha buhagarariwe na Niyonkuru Françoise, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu. [7] Mu bujurire bwe Rutikanga Jean Baptiste ashimangira ko yahamijwe icyaha atakoze. Anenga Urukiko gushingira kuri raporo ya muganga wemeje ko akarangabusugi k'umwana kangiritse kandi ko mu gitsina cy'umwana hatukuye nyamara atagaragaje isano iri hagati y'ibyo bimenyetso byagaragaye mu gitsina cy'umwana na Rutikanga Jean Baptiste, kuko gutukura bishobora guturuka ku mpamvu nyinshi zitandukanye zirimo n'uburwayi naho akarangabusugi ko gashobora no kuba karangijwe n'undi utari we. [8] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko impamvu z'ubujurire za Rutikanga Jean Baptiste nta shingiro zifite kuko ibyo avuga asobanura impamvu ze z'ubujurire atari ko byagenze bikaba atari ukuri, bityo asaba ko urubanza rujuririrwa rutahinduka. [9] Muri uru rubanza harasuzumwa ikibazo cyo kumenya niba hari inenge ziri mu bimenyetso Urukiko rwashingiyeho ruhamya Rutikanga Jean Baptiste icyaha cyo gusambanya umwana. II. ISESENGURA RY'IKIBAZO KIGIZE URUBANZA Kumenya niba hari inenge ziri mu bimenyetso Urukiko rwashingiyeho ruhamya Rutikanga Jean Baptiste icyaha cyo gusambanya umwana. [10] Rutikanga Jean Baptiste, avuga ko Urukiko Rukuru/Urugereko rwa Musanze rwamuhamije icyaha nta bimenyetso bifatika rushingiyeho. Asobanura

ko akimara gufatwa yasabye ko we n'umwana bapimirwa hamwe kugira ngo ibimenyetso by'abahanga bigaragaze ko hari aho bahuriye, cyane cyane ko uwo mwana yavugaga ko yamusohoreyeho ariko birirengagizwa. Avuga ko bajya gutanga ikirego, umwana yavugaga ko yamusambanyije kugeza arangije kandi ntawabatesheje, ariko ajanywe ka muganga mu bihe biteganywa n'amategeko, muganga asanga ayo masohoro ntayari mu gitsina cye ahubwo avuga ko nta karangabusugi afite, nyamara ntiyavugaga igihe kaba karaviriyeho cyangwa ngo agaragaze ko ari Rutikanga Jean Baptiste waba warakangije. [11] Rutikanga Jean Baptiste yongeraho ko ataraye muri ruriya rugo wenyine akibaza impamvu umwana atatabaje ngo afatirwe mu cyuho ahubwo akabivugaga ari uko bagiye gutaha. Yemeza ko iyi ari inama uyu mwana yagiriye na nyina wari wirukanywe n'umugabo we kuko uyu asanzwe avugaga ko Rutikanga Jean Baptiste nk'umukoresha w'umugabo we ari we umwoshya (se w'umwana ni umu Aide- maçon ufasha Rutikanga ukora akazi k'ubufundi). [12] Anenga kandi Urukiko kuba rwaremeje ko gutukura kwagaragaye ku gitsina cy'uwo mwana kwaba kwaratewe no gusambanywa nyamara gushobora guturuka ku mpamvu nyinshi zirimo kwishima cyangwa izindi ndwara nka tricomonase n'ibindi, ndetse ko na nyina yabikora, kuko Umuntu ushaka kukugirira nabi ntacyo atakora, cyane cyane ko ajya kugenda (ava mu rugo iryo joro) yavuze ngo agiye kubacisha amafaranga. Avuga ko uwo mwana atari gusambanywa ngo akarangabusugi ke gacike, ntawe amaraso, ko ndetse se w'umwana we yamushinjuye kuko azi ko ibyo ashinjwa ataribyo, agasoza asaba Urukiko kubona ko hari ugushidikanya kugaragara mu bimenyetso byashingiweho gukwiye gutuma agirwa umwere.

Page 4

[13] Umwunganizi we anenga ko Rutikanga Jean Baptiste yafashwe ariko ntapimwe ngo ibimenyetso bya gihanga bihuzwe n'ibimenyetso byafashwe mu gitsina cy'umwana n'imvugo ze. Akavugaga kandi ko uretse umwana abandi batangabuhamya bose bavugaga ibyo yababwiye, ubuhamya bwabo bukaba budakwiye kwizerwa. Yibaza uburyo umubyeyi yabwirwako umwana we yasambanyijwe, akicecekerako bukarinda bucya, ko ibyo bitumvikana. Akavugaga ko mu bimenyetso byashingiwe harimo imvugo zivuguruzanya, nk'aho nyina w'umwana mu ibazwa rye ku kibazo cya 5 yavuze ko yabonye amasohoro ku gitsina cy'umwana, muganga we akaba yaravuze ko nta masohoro yabonye ku mwana. Agasoza avugaga ko no kuba Rutikanga Jean Baptiste atarahise atoroka nyuma yo kuvugana na se w'umwana bigaragaza ko ntacyo yishinjaga, bityo agasaba Urukiko kuzabona ko ari umwere nk'uko atahwemye kubigaragaza mu manza zabanjirije uru. [14] Uhagarariye Ubushinjacyaha we avugaga ko impamvu z'ubujurire za Rutikanga Jean Baptiste ntaho zihurira n'ukuri kw'ibyabaye kandi zitavuguruzanya ibyashingiweho n'Urukiko rumuhamya icyaha. Asobanura ko uregwa atanenga kuba atarafatiwe mu cyuho nyamara umwana yarasobanuye ko nta muntu n'umwe wamubonye arimo kumusambanya kuko yamusohotse inyuma agiye kuri WC, aramufata aramusambanya amupfuka umunwa ngo adatabaza, umwana akinjira mu nzu ahita abibwira papa we, arira. Avugaga ko ibyo bavugaga ko se w'umwana yamushinjuye nabyo atari ukuri kuko mu mvugo ze yasobanuye neza ko umwana yamubwiye ko Rutikanga amusambanyije, maze atonganya Rutikanga, amubaza uburyo amusambanyirije umwana undi akomeza kumuhakanira. [15] Uhagarariye Ubushinjacya anenga imvugo

z'umwunganizi wa Rutikanga Jean Baptiste ko zisubira mu byabaye mu Rukiko Rwisumbuye kandi kuri uru rwego hagombye kunengwa ibyashingiweho mu bujurire gusa. Asoza asaba Urukiko kuzashingira ku ngingo 107 y'itegeko rigenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, hanyuma rukabona ko Rutikanga atashoboye kuvuguruzwa ibyashingiweho Urukiko rumuhamya icyaha.

UKO URUKIKO RUBIBONA [16] Muri uru rubanza impaka zishingiye ku kumenya niba ibyo Rutikanga Jean Baptiste avuga ko kuba atarapimwe hamwe n'umwana ngo ibimenyetso by'abahanga bigaragaze ko ariwe wamusambanyije ari inenge yatuma urubanza ruhinduka akagirwa umwere. Zishingiye kandi ku kumenya niba kuba muganga atarasanze amasohoro mu gitsina cy'umwana ari impamvu imukuraho icyaha no kumenya niba hari inenge zigaragara mu buhamya bwatanzwe zatuma budashingirwaho. Ku bijyanye no kuba Rutikanga Jean Baptiste atarapimiwe hamwe n'umwana ngo ibimenyetso by'abahanga bigaragaze ko ariwe wamusambanyije no kuba nta masohoro yasanze mu gitsina cy'umwana. [17] Rutikanga Jean Baptiste avuga ko kuba yarahise afatwa ariko ntapimwe ngo ibimenyetso bya gihanga bihuzwe n'ibimenyetso byafashwe mu gitsina cy'umwana ndetse n'imvugo ze ku buryo ugushidikanya ko ari we koko wamusambanyije bikurwaho, ari inenge yatuma agirwa umwere ku cyaha cyo gusambanya N.V. [18] Raporo ya muganga wapimye N.V ku wa 11/05/2020 yagaragaje ko nta masohoro agaragara mu gitsina cye, ariko asanga imyanya ndangagitsina ye yagize ihungabana, itukara kandi akarangabusugi ke kangiritse, yanzura ko umwana ashobora kuba yasambanyijwe. (There are signs of genital tract trauma, especially redness, swelling of the clitoris with hymen perforation which are in favor of the possibility of rape). Iyi raporo kandi igaragaza ko Rutikanga Jean Baptiste nawe yapimwe indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, muganga asanga ntazo afite.

Page 5

[19] Nk'uko bigaragara nta masohoro yasanze mu gitsina cy'umwana byumvikana ko ntacyo muganga yabonye cyari guherwaho hagereranwa ibyasanzwe mu gitsina cy'umwana na Rutikanga Jean Baptiste. Ibyo ariko ntibikuraho ibindi bimenyetso byerekana ko umwana yasambanyijwe, Urukiko rwahuje n'ubuhamya bwatanzwe rukemeza ko uyu yasambanyije umwana, kuko gusambanya umwana bidashingira byanze bikunze ku kuba uwamusambanyije yarangirije mu gitsina cye. Naho ibyo avuga ko umwana na nyina bemeje ko yari afite amasohoro mu gitsina ariko muganga ntayabone, Urukiko rusanga nabyo atari impamvu yatuma aba umwere kuko umwana na nyina nta buhanga bwo gutandukanya amasohoro n'ibindi bishobora kugaragara mu gitsina cy'umwana wahohotewe. Kumenya niba kuba Urukiko rwaremeje ko gutukura kwagaragaye ku gitsina cy'umwana kwatewe no gusambanywa nyamara gushobora guturuka ku zindi mpamvu nyinshi ari inenge [20] Rutikanga Jean Baptiste anenga ko Urukiko rwemeje ko gutukura kwagaragaye ku gitsina cy'umwana kwatewe no gusambanywa nyamara gushobora guturuka ku mpamvu nyinshi zirimo kwishima cyangwa izindi ndwara nka tricomonase n'ibindi, ndetse ko na nyina yabikora. Avuga ko uwo mwana atasambanywa ngo akarangabusugi ke gacike ariko kabureho amaraso, ko ariko kandi uwo mwana ashobora kwangizwa n'undi. [21] Dusanga

raporo ya muganga ivuga ko hari ibimenyetso bigaragaza ko umwana yasambanyijwe birimo kwangirika kw'igitsina (signs of genital tract trauma), kurimo kuba igitsina gitukuye (rednes), kwangirika kw'akarangabusugi (swelling of the clitoris with hymen perforation wich are in faver of the possibility of rape). Koko rero ibyo byagaragajwe na muganga bihura no kuba Rutikanga Jean Baptiste adashobora kuvuguruza ko umwana yamushinjije ko yamusambanyije ndetse n'invugo z'abatangabuhamya bemeje ko bumvise avuga ko yamurongoye, no kuba kandi ntacyo apfa n'umwana ku buryo yamutoranije mu bandi akaba ariwe abeshyera, kandi akaba yarivugiye ko ntacyo apfa n'abatangabuhamya bamushinja ibyo bumvise avuga, akaba rero adashobora kugaragaza undi waba warahohoteye uwo mwana muri icyo gihe. Bityo nta nenge iri mu kuba inkiko zibanza zarashingiye kuri iyo raporo ya muganga mu guhamya Rutikanga Jean Baptiste icyaha. kumenya niba hari inenge zigaragara mu buhamya bwatanzwe zatuma budashingirwaho [22] Rutikanga Jean Baptiste anenga ubuhamya bwashingiweho mu kumuhamya icyaha, akavuga ko abatangabuhamya bose bavuga ibyo babwiwe n'umwana, ko papa w'umwana yavuze ko akimara gusambanywa yahise abimubwira, ariko ngo akicecekerabukarinda bucya ; akaba asanga ibyo bidashoboka ko yabiceceka ntamenyesha ubuyobozi muri iryo joro ndetse nta natekereze ko yahita atoroka. Akavuga ko ubwo buhamya butagombaga gushingirwaho. [23] Ikibazo cy'ubuhamya bushingiye ku mabwire cyatanzweho umurongo mu manza zitandukanye zaciwe n'uru Rukiko, uruheruka akaba ari RPAA00307/2022/CA, rwaciwe ku wa 27/12/2024 haburana Ubushinjacyaha na Nyandwi Emmanuel alias Kaguru (igika cya 19). Muri izo manza zose hafashwemo umurongo uvuga ko umutangabuhamya avuga ibyo yiboneye cyangwa ibyo yumvise mu buryo butaziguye, ariko urukiko akaba ari rwo rwonyine rusuzuma mu bushishozi bwarwo icyizere cyangwa ireme bukwiye guhabwa. Harebwe ububasha bw'Urukiko bwo gusuzuma mu bwigenge no mu bushishozi bwarwo ibimenyetso byose rwashyikirijwe, n'intego y'amategako y'ibimenyetso (objectif du droit de la preuve) yo gushakisha ukuri, inkiko zemera ibimenyetso biziguye (preuve indirecte) cyangwa ibimenyetso bishingiye ku mabwire (preuve par ouï-dire) iyo bishyigikiwe n'ibindi bimenyetso bituma byizerwa. [24] Mu gika cya 22 cy'urubanza rujuririrwa Urukiko Rukuru/Urugereko rwa Musanze rwasesenguye invugo z'abatangabuhamya Nyirambanjimpundu Claudine nyina w'umwana, Ndorimana Venant se w'uwo mwana na Kabega Rachel, rusanga bose baturiza ku kuba N.V. yarababwiye ko Rutikanga Jean

Page 6

Baptiste yamufashe akamusambanya ubwo yari abyutse agiye kuri W.C, akamusambanyiriza inyuma y'igikoni cy'iwabo, kandi bose bakemeza ko koko Rutikanga yari yaraye muri urwo rugo iwabo w'umwana hamwe n'abandi banywa inzoga basinze, rubishingiraho, rubihuza n'ibyagaragajwe na raporo ya muganga, rwemeza ko ahamwa n'icyaha. [25] Uru Rukiko rusanga rero nta kosa Urukiko Rukuru/Urugereko rwa Musanze rwakoze mu gushingira ku mvugo z'abatangabuhamya batandukanye kuko zishyigikiwe na raporo ya muganga, igaragaza ko umwana afite ibimenyetso by'uko yasambanyijwe. Naho ibyo Rutikanga Jean Baptiste avuga ko invugo z'abatangabuhamya ari amabwire adakwiye gushingirwaho, uru Rukiko rusanga nta

gaciro bikwiye guhabwa kuko nk'uko byasobanuwe mu gika cya 22 cy'uru rubanza imvugo zishingiye ku mabwire zishobora kugira agaciro iyo zunganiwe n'ibindi bimenyetso. Naho ibyo asobanura ko gutukura kwagaragaye ku gitsina cy'umwana gushobora guterwa n'izindi mpamvu, uru Rukiko rusanga nabyo nta shingiro bikwiye guhabwa kuko nk'uko byasobanuwe, umunsi bivugwa ko yasambanyirijweho ari wo yapimweho; bikaba bitumvikana uko haba impurirane zitagize icyo zishingiyeho, ngo bibe byavuzwe ko umwana yasambanyijwe nibanamupima basange afite ibyo bimenyetso, mu gihe uhinyura raporo ya muganga atagaragaza ku buryo budashidikanywaho ko ibimenyetso muganga yabonye ku gitsina cy'umwana hari indwara asanganywe yaba yarabimuteye. [26] Kubera izo mpamvu zose, uru Rukiko rurasanga ubujurire bwa Rutikanga Jean Baptiste nta shingiro bufite, bityo urubanza yajuririye rukaba rudahindutse. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [27] Rwemeje ko ubujurire bwa Rutikanga Jean Baptiste nta shingiro bufite ; [28] Rwemeje ko urubanza RPA01054/2021/HC/MUS rwaciwe n'Urukiko Rukuru/Urugereko rwa Musanze ku wa 30/11/2023, rudahindutse ; [29] Rwemeje ko igihano cy'igifungo cy'imyaka makumyabiri (20) Rutikanga Jean Baptiste yahanishijwe kigumyeho ; [30] Rutegetse ko Rutikanga Jean Baptiste asonewe gutanga amagarama y'urubanza kuko aburana afunze.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/9616/10102>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/SexualOffencesAgainstChildren-court-of-appeal-2025--6a3ea5233b1caa9129818b90>

Prepared on 11 October 2026 · Esheria